No203Mut—Gashy 2017

# MAKURU KI MU IHURIRO RY'IGIHUGU RY'IMITWE YA POLITIKI MU RWANDA



## GUKORANA UMURAVA NO GUKUNDA IGIHUGU BIZATUMA MUGERA KU NDOTO ZANYU

*Ibi n'ibyagarutsweho kuri iki cyumweru tariki ya 05 Gashyantare 2017 n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki Bwana BURASANZWE Oswald, ubwo yatangizaga icyiciro cya cumi na kane (14) cy'amahugurwa agenewe urubyiruko ruturuka mu Mitwe ya politiki yose uko ari cumi n'umwe (11) igize Ihuriro mu ishuri ry'Ihuriro ryigisha ibya politiki n'ubuyobozi (Youth political Leadership Academy/YPLA).*



Hafungurwa aya mahugurwa ku mugaragaro

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Ihuriro yabwiye uru rubyiruko ko amasomo bazahabwa agamije kubongerera ubushobozi mu bumenyi rusange, politiki n' imiyoborere myiza, no kuba umusemburo mu kwitabira ibikorwa byose bitegurwa n'Imitwe ya politiki baturukamo. Basabwe kugira uruhare muri gahunda zose z'Umutwe wa politiki haba mu mahugurwa ategurwa n'Umutwe wa politiki wabo, haba kandi no kugira uruhare mu miyoborere yayo. Yagize ati " Imitwe ya politiki yabatoranije kuko yabonaga muzayigirira umumaro ndetse no ku Gihugu; indoto mufite zo kwitabira umwuga wa politiki ni nziza ariko musabwa gukorana umurava mu byo mukora byose kandi mugakunda Iguhugu cyacu." Yasoje abashimira uko bitabiriye aya mahugurwa ategurwa n'Ihuriro, anashima kandi Imitwe ya politiki yabatoranije, abizeza ko Ihuriro rizakomeza gukora ibishoboka ngo aya mahugurwa agende neza kandi agirire ukamaro abayakurikiye.

Umukozi w'Ihuriro ushinzwe ikurikirana bikorwa unakurikiranira hafi ishyirwa mu bikorwa ry'iyi Gahunda, Bwana SINDAYIHEBA Fabien yagaragarije uru rubyiruko ibyo basabwa kugira ngo bakurikire neza aya masomo, ibisabwa Ihuriro n'ikigamijwe muri rusange. Aha yabamenyesheje gahunda igenderwaho mu itangwa ry'aya mahugurwa, imyitwaririre y'uyakurikira, ingeri z'amasomo baziga n'ibikoresho ruzahabwa kugira ngo bazakurikire neza aya masomo.
Muri cyi cyiciro cya cumi na kane (14), uretse uru rubyiruko rwatoranijwe mu Mujyi wa Kigali ruzayakurikiranira mu Karere ka Rwamagana, hari kandi n'urubyiruko rwatoranijwe mu Ntara y'Amajyepfo ruzayakurikiranira mu Karere ka Huye; amahugurwa yabo akaba ateganyijwe gutangira mu ntangiriro za Werurwe 2017.
YPLA yatangiye muri Gashyantare 2010, aho abasore n'inkumi bo mu Mitwe ya politiki bagera hafi ku 1,000 bamaze guhugurwa muri iyi gahunda.

## IHURIRO RYASINYE AMASEZERANO Y' IMIKORANIRE NA INTERNATIONAL IDEA

*Nyuma y'uko kuwa kane tariki ya 14/07/2016, Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki ryakiriye ubuyobozi bwa International Institute for Democracy and Electoral Assistance (International IDEA) ngo barebera hamwe umurongo w'imikoranire mu gihe kiri imbere kandi kirambye; kuwa kabiri tariki ya 07/02/2017; Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Ihuriro Bwana BURASANZWE Oswald yagiriye urugendo rw'akazi mu Gihugu cy'Afurika y'Epho kugira ngo hasinywe amasezerano y'imikoranire nk'uko byari byemeranyijwe.*




**Basinya amasezerano y'imikoranire**

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Ihuriro washyize umukono kuri iya masezerano y'ubufatanye, yavuze ko agizwe n'ingingo zinyuranye zumvikanyweho n'impande zombi, ashima ko uretse imikoranire n'ihanahanamakuru, humvikanywe ko uyu muryango uzatera inkunga zimwe muri gahunda z'Ihuriro cyane cyane izijyanye no kubaka ubushobozi bw'Imitwe ya politiki.
Muri iyi nama yo gusinya aya masezerano, Pr. Adebayo Olukoshi yongeye gushima intera u Rwanda rumaze kugeraho mu bwisanzure muri Demokarasi no guha urubuga Imitwe ya politiki myinshi ikagira uruhare mu miyoborere y'Igihugu, ashima kandi uburyo Ihuriro rigira uruhare rugaragara mu kubaka ubushobozi bw'Imitwe ya politiki mu rwego rwo kuyifasha gukora politiki ishingiye ku bumenyi.



# UMUVUGIZI W'IHURIRO YASHIMYE URUBYIRUKO RWASOJE AMAHUGURWA YA YPLA

*Kuri icyi cyumweru tariki ya 12/02/2017 hasojwe ku mugaragaro icyiciro cya 14 cy'amahugurwa atangwa mu ishuri ryigisha ibya politiki n'ubuyobozi (Youth Political Leadership Academy/YPLA), amahugurwa ategurwa n'Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki, ku rubyiruko rwatoranijwe mu Mujyi wa Kigali rukayakurikiranira mu Karere ka Rwamagana.*



*Madamu KANYANGE asoza amahugurwa*

Madamu KANYANGE Phoebe, Umuvugizi w'Ihuriro yashimye urubyiruko rurangije muri aya mahugurwa abasaba kuba umusemburo w'iterambere ry'Imitwe ya politiki yabatoranije, anabibutsa ko ubumenyi baboneye muri aya mahugurwa buzabafasha gutanga umusanzu mu Mitwe ya politiki yabo cyane cyane mu gutanga amahugurwa agenewe abayoboke, ndetse no mu bundi buzima bwa buri munsi bw'Umutwe wa Politiki. Abibutsa kandi ko ibyo baba bateganya kugeraho byose bigomba kuba bigamije guteza abaturage n'Igihugu muri rusange imbere.

Madamu KANYANGE yabwiye uru rubyiruko ko intego nkuru y'aya masomo ari ukurutoza umwuga wa Politiki no kubaha ubumenyi bw'ibanze mu bya politiki n' imiyoborere myiza, avuga ko urwego rwose rushaka kwiyubaka ku buryo burambye rushingira k'urubyiruko, akaba yizera ko Imitwe ya politiki nayo izakoresha neza uru rubyiruko kugira ngo yubake inzego zayo.



Aya masomo yasojwe abayakurikiye bahabwa impamyabumenyi zizagaragariza Imitwe ya politiki yabo ko bayakurikiye neza.



Uwavuze mu izina ry'abarimu batanga amasomo muri iyi gahunda, Dr Alfred NDAHIRO yashimye umurava n'ubuhanga aba banyeshuri bagaragaje, ababwira ko umwuga wa politiki wigwa abasaba kuzakoresha ubuhanga bahawe cyane cyane ubwo kuvuga (communication skills) kuko umunyapolitiki udafite ubuhanga mu kuvuga, ngo atange neza igitekerezo cye adashobora kugera ku ntego yiyemeje.



Ibyo kandi n'ibyavuzwe n'umunyeshuri uhagarariye abandi washimye imitegurire n'imigendekere myiza y'aya mahugurwa. ashima amasomo yose bahawe, ashima kandi serivisi z'aho yatangiwe n'abakozi b'Ihuriro babafashaga umunsi ku wundi. Yasabye ko Ihuriro ryakomeza kubafasha kumenyesha Imitwe ya politiki ko ubuhanga bahawe bwabyazwa umusaruro n'Imitwe ya politiki yabohereje.

Muri cyi cyiciro cya cumi na kane (14), uretse uru rubyiruko rwatoranijwe mu Mujyi wa Kigali rwakurikiraniye aya masomo mu Karere ka Rwamagana, hari kandi n'urubyiruko rwatoranijwe mu Ntara y'Amajyepfo ruzakurikirana amahugurwa nk'aya mu Karere ka Huye; amahugurwa yabo akaba ateganyijwe gutangira mu ntangiriro za Werurwe 2017.

